Mouvement de la jeunesse
et du Mouvement coopératif

Procès-verbal
le 17/5/1984

1D — Mp

FICHE DE TRANSMISSION

A : MINISTRE

Pour suite à donner

Pour approbation

Pour signature ✗ ✗

Pourrions-nous en parler ?

Venir me voir

Comme convenu

Suite à votre demande

Noter et retourner

Pour information

A classer

Commentaires

Date : 15/5/84

De : DFF

/K.E./M.D./

1793 /15.07

18/7/84

Bwana MUTABAZI Emmanuel
Umuyobozi w'Urubyiruko
n'Imikino
Komini NYARUGENGE
K I G A L I.

Bwana,

Nejejwe no kukumenyesha ko inyandiko-mvugo y'inama wakoresheje kuli Segiteri ya KIMISAGARA ku italiki ya 14/2/84 yangezeho.

Ibyo iyo nama yagezeho ni byinshi kandi byiza aliko imfashanyo mwifuza ko Ministeri yabaha ntabwo mwayisobanuye neza. Nta mubare numwe uli muli iyo nyandiko-mvugo uvuga umubare w'urubyiruko rwifuza kwishyira hamwe, cyangwa uvuga ibyo Ministeri yabafashisha.

Muzongere mubyige neza hanyuma mumenyeshe ibyo alibyo kugirango ndebe ibyo Ministeri yababonera. Igihe cyo kubyiga, musanze ali ngombwa mwatumira Ministeri kugira ngo iboherereze umuntu wabafasha kubyiga neza.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe:
- Burugumestri wa Komini y'Umujyi wa NYARUGENGE
K I G A L I.
- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura
K I G A L I.

/K.E./M.D./

REPUBLIQUE RWANDAISE

Kigali, le ..............................................................

No /15.07

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Réf. No :

Annexe :

Objet :

Bwana MUTABAZI Emmanuel, Umuyobozi
w'Urubyiruko n'Imikino
Komini NYARUGENGE
K I G A L I.

Bwana,

Nejejwe no kukumenyesha ko inyandiko-mvugo y'inama wakoresheje kuli segiteri ya KIMISAGARA ku italiki ya 14/2/1984 yangezeho.

Ibyo iyo nama yagezeho ni byinshi kandi byiza aliko imfashanyo mwifuza ko Ministeri yabaha ntabwo mwayisobanuye neza. Nta mubare numwe uli muli iyo nyandiko-mvugo uvuga umubare w'urubyiruko rwifuza kwishyira hamwe, cyangwa uvuga ibyo Ministeri yabafashisha.

Muzongere mubyige neza hanyuma mumenyeshe ibyo alibyo kugira ngo ndebe ibyo Ministeri yababonera. Igihe cyo kubyiga, musanze ali ngombwa mwatumira Ministeri kugira ngo iboherereze umuntu wabafasha kubyiga neza.

Bimenyeshejwe:
- Burugumestri w'Umujyi wa Komini
  ya NYARUGENGE
  K I G A L I.
- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino
  muli Prefegitura
  K I G A L I.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

MINISTRE

pour signature

14/5/84

D.G.I

Corrigez cette lettre S.V.P.

14/5/84

/K.E./M.D./

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS
B. P. 1044 Kigali

Kigali, le ........................................

N° /15.07

Réf. N° :

Annexe :

Objet :

Bwana MUTABAZI Emmanuel Umuyobozi
w'Urubyiruko n'Imikino
Komini NYARUGENGE
K I G A L I.

Bwana,

Nejejwe no kukumenyesha ko inyandiko-mvugo y'inama wakoresheje kuli Segiteri ya KIMISAGARA ku italiki ya 14/2/1984 yangezeho.

Ibyo iyo nama yagezeho ni byinshi kandi byiza aliko imfashanyo mwifuza ko Ministeri yabaha ntabwo mwayisobanuye neza. Nta mubare numwe uli muli iyo nyandiko-mvugo uvuga umubare w'urubyiruko rwifuza kwishyira hamwe, cyangwa uvuga ibyo Ministeri yabafashisha.

Muzongere mubyige neza hanyuma mumenyeshe ibyo alibyo kugira ngo ndebe ibyo Ministeri yababonera. Igihe cyo kubyiga, musanze ali ngombwa mwatumira Ministeri kugirango ibohereze umuntu wabafasha kubyiga neza.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.

Bimenyeshejwe :
- Burugumestri w'Umujyi
wa NYARUGENGE
K I G A L I.
- Umuyobozi w'Urubyiruko n'Imikino muli
Prefegitura
K I G A L I.

FICHE DE TRANSMISSION

A la DIRGERAL JEUNESSE → MINISTRE

Pour suite à donner

Pour approbation XX

Pour signature

Pourrions-nous en parler ?

Venir me voir

Comme convenu

Suite à votre demande

Noter et retourner

Pour information

A classer

Commentaires

V 10/5/84

Date : 4/5/84

De : DIVENC

KAREKEZI K
4.V.84

DORINA

N° --- /15.07

Bwana MUTABAZI Emmanuel
Umuyobozi w'Umubyinnko n'Imikino
Komini ya NYARUGENGE
KIGALI

Bwana,

Nejejwe no kukumenyesha ko inyandiko-mvugo y'inama wakoresheje kuli Segiteri ya KIMISAGARA ~~ya~~ ku italiki ya 14/2/1984 yangezeho.

Ibyo iyo nama yagezeho ni byinshi kandi byiza aliko imfashanyo mwifuza ko Ministeri yabaha ntabwo ~~mwayi~~ yasobanuye neza. Nta mubare numwe uli muli iyo nyandiko-mvugo uvuga umubare w'Umubyinnko mwifuza kwishyira hamwe, cyangwa uvuga ibyo Ministeri yabafashisha.

Muzongere mubyige neza hanyuma mumenyeshe ibyo alibyo kugira ngo ndebe ibyo Ministeri yababonera. Igihe cyo kubyiga, musanze ali ngombwa mwatumira Ministeri kugira ngo iboherereze umuntu wabafasha kubyiga neza.

~~B~~Bimenyeshejwe
- Burgumesitiri w'Umujyi wa NYARUGENGE/KIGALI
- Umuyobozi w'Umubyinnko n'Imikino muli Prefegitura ya KIGALI

Minisitiri w'Umubyinnko no Guteza imbere za Koperative
N.D. Aug.
Major BEM

M. KARDEZ,

Voir observations du

Ministre.

[signature]

[illegible]

DEF

~~Exécuté~~ Ministre

FICHE DE TRANSMISSION

AU DIRECTEUR DE L'E+F

Pour suite à donner

Pour approbation

Pour signature

Pourrions-nous en parler ? ~~Les dossiers de projet~~

Venir me voir ~~pour ceux qui veulent faire~~

Comme convenu ~~des CSE doivent~~ exister

Suite à votre demande XX ~~avec estimation~~ des cout

Noter et retourner ~~l'intervention~~ du ministère

Pour information etc.

A classer

Commentaires

Il s'agit d'une synthèse d'un compte-rendu de la réunion tenue à KIMISAGARA en date du 14/2/84 avec les jeunes de ce secteur. Certains engagements sont à respecter.

6/4/84

Date : 4/4/84

De : DWENC

## FICHE DE TRANSMISSION

A : M. Kabeke ?

Pour suite à donner

Pour approbation

Pour signature

Pourrions-nous en parler ?

Comme convenu

Suite à votre demande

Noter et retourner

Pour information

A classer

Commentaires

Iyi dossier uyishyikirize Mme Euphrasie pour avis.
[illegible] za nyirasome [illegible] yo kuyoherereza.

Vu 4/4/84

Date : 2/4/84

De : DEF.

/B.E./M.A.M./

Exploitation y'inyandiko-mvugo y'inama y'Urubyiruko rwa Segiteri KIMISAGARA yabaye kuya 14/2/1984.

==============

Kuya 14/2/1984 muli Segiteli KIMISAGARA habereye inama y'urubyiruko, iyobowe na Encadreur wa Komini. Muliyo nama halimo : Conseiller wa Segiteli ya KIMISAGARA, Umukozi wa Ministeri y'Urubyiruko Milita NSANZABAGANWA François, Encadreur wa Komini abaselire n'urubyiruko rwiyo Segiteli.

Ku murongo w'ibyigwa bagombaga gusuzuma ibibazo bikulikira :

- Kugira inama abashaka gushinga amashyirahamwe
- Kureba uko umuganda wakwitabwaho
- Kumva ibibazo by'urubyiruko

Mbere yuko inama y'urubyiruko itangira Conseiller wiyo Segiteli yabanje kubonana n'abo bashyitsi bali baje kwifatanya n'urubyiruko mu nama kugirango abagezeho ibibazo bimwe na bimwe urubyiruko ruhura nabyo. Yatangiye abamenyesha ko muli iki gihe, urubyiruko rwo muli Segiteli ayobora rufite umurava, kubera ko Encadreur yaruhagurukiye. Ububatanga umuganda, animation, ndetse ubu batanze Cotisation (nubwo atali bose) kugirango bashinge ishyirahamwe ly'ubworozi uretse ko kubera amikoro make, amafranga ntiyashoboye kugwira, bakaba bategereje imfashanyo.
Iyo ngingo irangiye yabagejejeho ikibazo cy'urubyiruko rurangiza kwiga i Gaculiro hanyuma rukabura akazi. Kuli ibyo bibazo byombi, umukozi wa Ministeri, yabamenyesheje ko kubyerekeye abarangije i Gaculiro, Ministeri iracyiga ukuntu yazajya ibaha ibikoresho. Naho abo bashaka gukora amashyirahamwe, yemereye urwo rubyiruko kuzabasabira Ministri amabati yo gusakara aho bazororera hamwe n'ibindi bikoresho by'imyuga abasaba kobakora devis y'inzu na plan yayo (aho bazororera).

Nkuko umukozi wa Ministeri yabijeje kubasabira imfashanyo, n'igikorwa cyiza koko kuko nibura umuntu arabona ko bananiwe bali bagerageje gusa ku kibazo cyabo barangiza i Gaculiro, nabo bagombye kwishyirahamwe bakagira igikorwa bigereraho bo ubwabo bityo imfashanyo bemerewe ikazaza igira icyo ibasangana.
Nyuma y'imibonano, Encadreur yafunguye inama y'urubyiruko abanza kubereka abashyitsi bali bahali hanyuma abasaba kubagezaho ibibazo bafite alibyo :

- Mu manama bakorana ubwabo no muyo bagirana n'abategetsi babo, ntabwo bose baza, bigatuma ibyemezo bimwe na bimwe bifatirwa muli izo nama bose batabikulikiza alibyo bitera ubwumvikane buke bakaba barasabaga rero ko habaho ikarta z'urubyiruko buli wese akagira iye bityo bakajya bareberamo abasiba n'abaza. Icyo gitekerezo, Encadreur yaragishyigikiye abemererako agiye kubyiga. Yego icyo gitekerezo sikibi aliko kubafatira ibyemezo nkibyo ntibihagije, bagombye guteganywa inama z'urubyiruko bakagera-geza kubarengezamo ko gukorera igitsure atalibyo bagamije, ahubwo ko bagomba gukorana ugushaka.

Urubyiruko rwifuje kandi ko haboneka responsable wabo ujijutse mubyerekeye kuyobora urubyiruko, akajya abakoresha inama akulikije ibyifuzo bya Komini n'ibya Ministeri. Abali muli yo nama, basanze icyo cyifuzo ali cyokoko, umukozi wa Ministeri yasabye Encadreur ko basuzuma icyo kibazo, bakareba ukuntu bateganya ihugurwa lyaba responsable. Encadreur yabasubije ko icyo kibazo yakigeje kuli Burugumestri ubu bakaba bategereje ko Komini yateganya iryo hugurwa.

.../...

Ndabona kubyerekeye ilyo hugurwa, Ministeri ibishoboye yabibafashamo ihugurwa ligatangira vuba.

Icyo kibazo kirangiye bavuze kubyerekeye imikino Encadreur ababwira ko bafite ibibuga by'umupira bidatunganije, Ministri akaba yarabemereye kuzabatiza imashini yo kubikora amafranga naboneka. Hanyuma y'ibyo, bagiye kureba uko ibibuga byifashe kugirango barebe aho bashobore kwikorera ubwabo mu gihe batarabona imashini. Icyo n'igitekerezo cyiza bagize cyo kugira icyo bimalira kuko hafashwa uwifashije.

Inama yarangiye umukozi wa Ministeli ashimira Conseiller, n'urubyiruko rw'iyo Secteur, abashimira umwete bafite, abasaba kurushaho.

Nkulikije inyandiko-mvugo y'inama, yagenze neza uretseko hali nk'ingingo zimwe na zimwe mbona zali ngombwa ko bazigira hamwe n'urubyiruko nk'ikibazo cyerekeranye n'abarangiza i Gaculiro bagombaga kukiganya n'urubyiruko kugirango nabo bumve icyo babivugaho.

Fait à Kigali, le 26 Mars 1984
Mme BAKILIHO Euphrasie.-

Bakiliho E.

Avis

Synthèse ikoze neza. Nkulikije ibyo nali navuze kuli rapport y'inama uwo Encadreur yakoreye mu Ubuhima, twebwe ko muli Minisiteri, ntabwo twali dukwiye kurebera gusa ibikorwa n'abandi babikorera Urubyiruko cyane cyane Urubyiruko rwa hano mu mugi. Dans la mesure de nos possibilités, nous devrions être des acteurs et non des observateurs. Aliko, tugiye tujya mu nama nkizo, twaba dufite imfashanyo tukayitanga, byaba ali intambwe ya mbere kandi nziza.-

Dr VENC
4-4-1984.-

/M.E/M.A/

REPUBLIQUE RWANDAISE
PREFECTURE DE KIGALI
COMMUNE URBAINE DE
NYARUGENGE

Nyarugenge le 1/3/1984

DEF
pour exécution
12/3/84
Mme Euphrasie
Encadrement
Exploitation
9/3/84

7/03/84
1331/10-04

13/4/84

Militante Conseiller wa Secteur
KIMISAGARA

Binyujije kuli Bourgmestre wa Komini
y'umujyi wa NYARUGENGE

Militante Conseiller,

Hamwe n'iyi barwa nkwohereraje inyandiko-mvugo y'inama y'urubyiruko rwa secteur uyobora yateranye kuya 14/2/1984.

Ndizera ko ibyemezo byafatiwemo muzabikulikiza.

Bimenyeshejwe:

- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imizamukire ya za Koperative KIGALI.-
- Encadreur Régional KIGALI.-
- Chef de Service social NYARUGENGE.-
- RUTAYISIRE Théogène Encadreur communal adjoint

ENCADREUR COMMUNAL
MUTABAZI Emmanuel

INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA Y'URUBYIRUKO RWA

SECTEUR KIMISAGARA YABAYE KUYA 14/2/1984

---

Iyo nama yayobowe na Encadreur wa Komini MUTABAZI Emmanuel yatangiye saa tatu na mirongo ine (9h40')

Abali munama:

- BAZATSINA Emmanuel: Encadreur Régional adjoint
- NSANZABAGANWA François: Umukozi wa Ministeri y'Urubyiruko
- BURAMBA : Professeur muli Institut Supérieur de Développement rural de BUKAVU (ZAIRE)
- MURABAZI Emmanuel: Encadreur communal umuyobozi w'inama
- KARUSHARA Rose: Conseiller wa Secteur KIMISAGARA
- NJYAMUBILI Ezéchier : Responsable wa cellule
- NYILIMHUNGA J.P. : membre de cellule
- KALINIJABO Gaspard : " "
- KAVUMBUTSI Jérôme : " "
- Urubyiruko rwa Secteur KIMISAGARA (Abasore n'inkumi)

Ibyali ku murongo w'ibyigwa

- Kugira inama abashaka gushinga amashyirahamwe
- Kureba uko umuganda wakwitabwaho
- Kumva ibibazo by'urubyiruko.

Mbere y'inama y'urubyiruko, abo bakozi ba nisteri na encadreur wa Komini babonanye na Conseiller n'abasel. Conseiller ababwira uko urubyiruko rwa secteur ye rwifashe n'ib azo bahura nabyo. Yavuze ko kuva encadreur wa komini atangiye za kubonana n'urubyiruko, we yaruhagurukiye none ubu bakaba ba e kumenyera. Ubu bakora umuganda w'urubyiruko n'inama z'urubyi ko ziyoborwa na Responsable bishyiliyeho. Bafite groupe y'ani tion nziza aliko nta myenda iyo groupe ifite. Yavuze ko urubyiruk rukulikije inama za encadreur rwatanze amafranga (cotisation) n rushinge ishyirahamwe ly'ubworozi aliko ayo mafranga akaba aki make hakaba hagomba imfashanyo. Yavuze ko hali abasore barangiza Gaculiro bagashaka akazi bakakaburo kandi ntibabone amafranga y kugura ibikoresho by'imyuga bize. Bityo bakaba inzererezi. Kuyerekeye imikino yavuze ko hali aho bateganya gukora ibibuga kandi Ministre akaba yarahageze akemera no kubafasha abaha imashini aliko ikaba itaraboneka.

Umukozi wa Ministeri yavuze Ko Ministeri ili kwiga uko yajya iha ibikoresho abarangije i Gaculiro avuga ko abo barangije yo mbere bagomba kwishyira hamwe n'abo bashaka kworora kuko ali igikorwa cyiza. Yemereye urwo rubyiruko kuzabasabira Ministre amabati yo gusakara aho bazororera, hamwe n'ibindi bikoresho by'imyuga.

.../...

Yabasabye gukora devis y'iyi nzu na plan yayo (Atelier + aho kwororera). Nyuma by'ibyo twabonanye n'urubyiruko.

Umuyobozi w'inama encadreur wa Komini yabanje kwerekā urwo rubyiruko abo bashyitsi, abasaba kubagezaho ibibazo byabo n'ibyo bakoze. Yanababwiye ko baje mu nama ali bake cyane asaba responsable wabo kujya abakoresha inama mbere y'uko baza mu nama nk'iyi. Responsable yavuze ko kuba baje ali bake ali uko n'iyo baje batagira ikibatandukanya n'abataza mu nama; nta bihano babona ugasanga abandi bacika intege.

Inama yize icyo kibazo yemeza ko hagomba kubaho carte z'urubyiruko (umuntu yakwita carte cyangwa attestation de participation) yajya ihabwa umuntu wese uza mu nama no mu muganda w'urubyiruko. Bityo umuntu akaba yamenya urubyiruko rutali inzererezi. Bifuje ko izo karita zatangwa muli secteur zose. Kuburyo hajya haba n'umukwabu bagafata abo b'inzererezi bitaruhije. Basabye encadreur kwiga icyo kibazo vuba.

Encadreur yabwiye ko aziga ubulyo izo karita zakorwa akabishyikiliza Bourgmestre, avuga ko n'ubwo ibyo bitarakorwa bagomba kwita ku nama n'umuganda nk'uko babikoraga umwaka ushize. Bakajya bahamagaraabaje abasiba bakabamenyesha conseiller.

AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO

Ku kibazo cy'Amashyirahamwe umuyobozi w'inama yasabye urubyiruko kwihutira gutanga cotisation bemeje ubwabo, kuko conseiller yavuze ko itatanzwe na bose. Yongeyeho ababwira ko intumwa ya Ministeri yabemereye kuzabasabira amabati yo gusakara inzu yo kwororeramo na Atelier hamwe n'ibyuma kubazi imyuga. Yabasabye gushyiraho umwete bagatangira kubaka iyo nzu imfashanyo ikazaba iza.

Urubyiruko rwavuze ko rushobora kubumba rukarakara cyangwa haba hali ibiti akaba alibyo bakoresha. Bifuje kandi ko ababyeyi babo bakoreshwa inama bakabasobanulira impamvu baza mu nama cyangwa bagomba kujya mu mashyirahamwe ndetse bakaba babasaba gutera inkunga abana babo. Umuyobozi w'inama yasabye conseiller kwiga uko iyo nama y'ababyeyi yazaterana.

Urubyiruko rwifuje ko haboneka responsable ujijutse mu byerekeye kuyobora urubyiruko, akajya akoresha inama akulikije ibyifuzo bya Komini, Ministeri y'Urubyiruko muli urwo rwego.

Inama yize icyo kibazo yemeza ko habaho ihugurwa lya ba responsable b'urubyiruko ba za secteur. Umukozi wa Ministeri yasabye encadreur gukulikirana icyo kibazo. Encadreur yavuze ko icyo cyifuzo cyatanzwe umwaka ushize kikaba kikigwa. Umunsi Komini yashoboye gukoresha ilyo hugurwa azabibamenyesha. Yavuze ko yizera ko na Ministeri yazabatera inkunga.

.../...

IMIKINO

Kubyerekeye IMIKINO umuyobozi w'inama yavuze ko aherutse kubonana na Ministri akamubwira ko budget y'igihugu n'imara kwemezwa, azaha secteur Kimisagara imashini yo gukora ikibuga cyabo nibura iminsi ibili. Abasaba gukomeza kwita ku ikipe yabo ya Foot-ball. Yavuze ko bajya kureba ibyo bibuga bakareba niba hali icyo bazakora ubwabo.

Mbere yo kujya kreba ibyo bibuga umukozi wa Ministeri yashimiye conseiller n'urubyiruko rwa secteur KIMISAGARA umwete bafite, abasaba gukomeza bakajya bakulikiza inama bagirwa na encadreur wabo.

GUSURA IBIBUGA (UMUGANDA)

Saa tanu na cumi nibwo twageze aho ibibuga biteganywa gukorwa muli cellule Kimisagara aho hali ahaharuwe kubulyo hajya n'ikibuga cya Hand-ball, aliko bifuje kuzategereza iyo mashini ikazahakora ikibuga cya foot-ball. Hepfo y'icyo kibuga haracyali ibihuru, aliko hameze neza kubulyo bemeje ko ikibuga cya Volley-ball kihateganyijwe kigomba gukorwa n'umuganda w'urubyiruko ubwarwo. Encadreur yavuze ko mu nama itaha azakorera muli Kimisagara azabamenyesha niba bashobora gutangira gukora icyo kibuga cya volley-ball.

Twakhvuye saa tanu n'igice (11h30')

Umuyobozi w'inama:

- Encadreur communal
  MUTABAZI Emmanuel

Umwanditsi:

RUTAYISIRE Théogène
Encadreur adjoint

150